# 363: Jye mpisemo Yesu

1.
Jye mpisemo Yesu; murutish' iyi si yose;
Andutir' amafaranga cyangw' izahabu.Jye nkund'Uwabambwe, murutisha n'amatungo. Andutira n'amasambu n'amazu meza.

Ref:
Uwanyimika, nkab' Umwami w'ishyanga rinini rite, Nd’imbata y'icyaha cyose,sinabikunda. Ahubwo niragije Yes' Umukunzl wanjye : Sinkyita ku blri mw Isi: Yes' aranyuze !

2.
Jye mpisemo Yes' Umucunguzi wanjy' unkunda; Andutira no gushimwa n'ab'isi bose. Umv’ icyo nifuza :sinshaka kumenyekana; Njye nyobok’ Umwami Yesa iminsi yose.

3.
Andyohera cyane : nta buki buryoha nka We; Ni mwiza; n' uw'igikundiro cyinshi cyane;Ahumura neza kurush' ibirabyo byose : Nabur' iki se, mmufite, kw andangirije?

Visit us at indirimbo.com